

Ikegeranyo cyo kwandura COVID-19 ni uburyo buhamye bugamije kurinda abaturage. Intego y'uru rugero ni uko abaturage ba buri ntara bafatanyaga kugira ngo bagabanye urwego ikegeranyo cyo kwandura kiriho mu ntara zabo, kandi intara nyinshi zishoboka zibe zifite ubwandu buri ku rwego rwo hasi rushoboka.

Impinduka ku rwego ikegeranyo cyo kwandura intara iriho zizagaragara mu gihe cy'iminsi irindwi, amatangazo yatanze kuwa kane. Intara zujuje nibura ibipimo bibiri byo hejuru, biringaniye, cyangwa byo hasi zizimurirwa kuri urwo rwego. Impinduka ziva ku rwego rwo kwandura rwo hasi zijya ku rwo hejuru zishobora kubaho buri cyumweru. Impinduka ziva ku rwego rwo kwandura rwo hejuru zijya ku rwo hasi zishobora kubaho buri minsi 14 nibura, mu gihe intego igezweho

Inzego zo kwandura muri uru rugero zizaba zishingiye cyane cyane ku bipimo bikurikira:

- Igipimo cy'abarwaye
- Umubare w'abarwaye
- Ikoreshwa rya ICU

Ikegeranyo cyo kwandura COVID-19	Urwego rwo hejuru	Urwego rugereranyije	Urwego rwo hasi
Ijanisha mpuzandengo ry'abarwayi mu minsi 7 ku ntara	≥13%	6-12.9%	≤5.9%
Umubare w'abarwayi mu minsi 14 ku bantu 100 000 ku ntara <small>Intara ziri ku mpera (zifite abantu batageze kuri batandatu kuri kilometero kare ebyiri n'igice) zifite abantu bangana cyangwa bari munsi ya 14 mu minsi 14 ishize zizahita zibarwa nk'izifite ubwandu buri "hasi". Intara ziri ku mpera zifite abantu barenze 14 mu minsi 14 ishize zizagererwa urwego ziriho hakoreshejwe ibipimo bisanzwe by'ikegeranyo cyo kwandura.</small>	≥325/100 000	324-101/100 000	≤100/100 000
Ikoreshwa rya ICU muri leta yose (impuzandengo y'iminsi 7)	Ikoreshwa ryose ≥72% NA ≥15% by'ikoreshwa rya ICU ya COVID-19	Ikoreshwa ryose 69-71.9% NA 6-14.9% by'ikoreshwa rya ICU ya COVID-19	Ikoreshwa ryose ≤68.9% NA ≤5.9% by'ikoreshwa rya ICU ya COVID-19

Ibikorwa ku bantu bihariye bose n'ubucuruzi	Urwego rwo hejuru	Urwego rugereranyije	Urwego rwo hasi
Gukoterana mu buryo butekanye Guhura bisanzwe, nko gusangira mu muryango, guhurira hamwe n'inshuti, amatsinda yo gusoma ibitabo (<i>utabariyemo amakoraniro y'amadini yemewe cyangwa ibikorwa bigenzuwe</i>)	Guterana kw'abantu 10 cyangwa batagezeho biremewe.	Kugeza kuri 29/10: Guterana kw'abantu 10 cyangwa batagezeho biremewe. Nyuma ya 29/10: Guhura kw'abantu 25 cyangwa batagezeho biremewe. Umubare ushobora kurenga 25 niba buri muntu yambaye agapfukamunwa.	Guhura kw'abantu 50 cyangwa batagezeho biremewe. Umubare ushobora kurenga 50 niba buri muntu yambaye agapfukamunwa.
Agapfukamunwa kambarwa ahantu hahurira abantu	Ni ngombwa	Kugeza kuri 29/10: Byayobowe n'urwego rw'ubuzima rusange	Birasabwa cyane n'urwego rw'ubuzima rusange; gusaba agapfukamunwa biri mu



Inzego z'amabwiriza y'ubuzima | 22/10/2020

benshi mo imbere no hanze, igihe guhana intera bidashoboka; aha habarirwamo abakozi n'abayobozi n'abakiriya Ubucuruzi bushobora gusaba agapfukamunwa mu bice biri ku rwego rwo kwandura rugeranyije cyangwa rwo hasi		Nyuma ya 29/10: Birasabwa cyane n'urwego rw'ubuzima rusange; gusaba agapfukamunwa biri mu bushishozi bw'abayobozi b'intara babigishijemo inama ushinzwe ubuzima muri ako gace	bushishozi bw'abayobozi b'intara babigishijemo inama ushinzwe ubuzima muri ako gace
Guhana intera hagati y'amatsinda y'ingo aho bishoboka, ndetse no mu mu gihe abantu bahuye	Birasabwa cyane	Birasabwa cyane	Birasabwa cyane
Ibikorwa by'isuku	Birasabwa cyane	Birasabwa cyane	Birasabwa cyane
Guma mu rugo igihe urwaye	Ni ngombwa	Ni ngombwa	Ni ngombwa
Gukurikiza amabwiriza y'urwego rw'ubuzima arebana no kwiheza n'akato	Ni ngombwa	Ni ngombwa	Ni ngombwa
UBUCURUZI			
Ubucuruzi bwose	<ul style="list-style-type: none"> • Kurikiza igitabo cy'amabwiriza y'ubucuruzi • Saba intera ya metero hafi 2 hagati y'amatsinda y'ingo, uretse igihe bambaye udupfukamunwa • Shyiraho ibyapa byerekana ibimenyetso bya COVID-19, bisaba abakozi n'abakiriya bafite ibimenyetso kuguma mu rugo, no gushishikaza guhana intera hagati y'abantu • Tanga ubundi buryo bwo gutora ibicuruzwa igihe bishoboka (nko kugemurirwa aho uparitse, kugemurirwa mu rugo, gupfunyikirwa ibiryo) • Reba neza ko uburyo bwo gutanga umwuka mwiza bukora neza • Shyiraho ibirahuri bitandukanya abakozi n'abakiriya aho bishoboka kuri kontwari z'amafaranga n'iza serivisi ishinzwe kwita ku bakiriya igihe intera ya metero hafi 2 igoye • Sukura neza kandi utere imiti mu bwiherero nibura kabiri ku munsu • Orohereza abakozi bakorere mu rugo igihe barwaye cyangwa niba ari abantu bafite ibyago byinshi byo kwandura • Umuhigo wo kurinda ubuzima kugira ngo ukomeze gukora (cyangwa umuhigo bisa wemejwe na kompanyi wongera ingamba z'ubuzima n'umutekano mu rwego rwo rwo kwirinda ikwirakwira rya COVID-19) urashishikarizwa cyane • Hashobora kubaho amarengayobora ku materaniro rusange n'ibindi bikorwa 		
Guhana intera muri za resitora (harimo n'ahandi	Intera ya metero hafi 2 hagati y'abantu igihe cyose	Intera ya metero hafi 2 hagati y'abantu isabwa	Intera ya metero hafi 2 hagati y'abantu



Inzego z'amabwiriza y'ubuzima | 22/10/2020

bagurira ibiryo)	(harimo aho bategereza n'igihe bicaye)	cyane igihe bicaye, ni ngombwa ahantu bategereza	irashishikarizwa cyane
Utubari	Intera ya metero hafi 2 hagati y'abantu igihe cyose (harimo aho bategereza n'igihe bicaye)	Intera ya metero hafi 2 hagati y'abantu irasabwa cyane; kugabanya imyanya kugeza kuri 75% by'ubushobozi; abakiriya bagomba kwambara udupfukamunwa igihe bivanze n'abandi bantu	Intera ya metero hafi 2 hagati y'abantu irashishikarizwa cyane
Ikigo icyo ari cyo cyose cyemera ko abantu benshi bahura, nk'ibikorwa birimo guhita imbonankubone, senema, imikino ngororangingo, ubukwe n'imyidagaduro	<ul style="list-style-type: none"> - Udupfukamunwa ni ngombwa; ababirimo/abakinnyi barasonewe igihe bari muri ibyo bikorwa - Kurangiza urugero rwo gucunga igikorwa ni ngombwa - Bitegerejwe ko abikorera ku giti cyabo bahindura imikorere yabo bitewe n'ivumbuka ry'indwara kuri buri muntu; ubushishozi bw'ishami ry'ubuzima ku buremere bw'impinduka, bishyigikiwe na UDOH 		
	<ul style="list-style-type: none"> - Intera ya metero hafi 2 hagati y'amatsinda y'ingo - Irengayobora ku ntera ya metero hafi 2 hagati y'amatsinda y'ingo rishobora gusabwa binyuze mu buyobozi bw'intara babigishijemo inama ushinzwe ubuzima muri ako gace. Amarengayobora ashobora gusubirwamo buri minsi 14. Bitewe n'ibyago byinshi byo kwandura kuri uru rwego, amarengayobora azaba make cyane kandi ntashyigikiwe na gato. 	<ul style="list-style-type: none"> - Intera ya metero hafi 2 hagati y'amatsinda y'ingo - Irengayobora ku ntera ya metero hafi 2 hagati y'amatsinda y'ingo rishobora gusabwa binyuze mu buyobozi bw'intara babigishijemo inama ushinzwe ubuzima muri ako gace. Amarengayobora ashobora gusubirwamo buri minsi 14. Amarengayobora ntashyigikiwe ariko ashobora kuba menshi kurusha mu gihe hari ibyago byinshi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Intera ya metero nibura 2 hagati y'amatsinda y'ingo irashishikarizwa cyane, biremewe kwicara begeranye badasize intera hagati y'amatsinda y'ingo.
Amashuri	Kurikiza igitabo cy'amabwiriza y'amashuri hamwe n' agatabo k'igenamigambi ryo kongera gutangira kw'amashuri k'ikigo cy'uburezi muri Leta ya Utah Itegeko ryo kwambara udupfukamunwa kugera mu mwaka wa 12 riracyakurikizwa		
Amashuri makuru	Kurikiza gahunda zo kongera gutangira kw'amashuri ya USHE/kaminuza zigenga/amashuri makuru		

